**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW' IKIRENGA**

**B.P .2197 KIGALI**

**ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2023, Umunsi wa kabiri, ukwezi kwa Kamena,

Twebwe TUYIZERE Milliere, Umucamanza mu rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe na **UWINGABIRE Marie Claire**, umwanditsi muri urwo Rukiko,

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Gasabo, bwaregeye uru rukiko, uwitwa **NGIRUWONSANGA Innocent** icyaha cyo ***gusambanya umwana***, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 4 y'itegeko No 69/2019 ryo kuwa 11/8/2019 rihindura ingingo ya 133 y'itegeko N0 68/2018 ryo kuwa 30/8/2018 riteganya ibyaha níbihano muri rusange, ikirego kikandikwa mu bitabo by'Urukiko kuri RP 01108/2021/TGI/GSBO;

Tumanze kubona ko **NGIRUWONSANGA Innocent** mwene NZAKIZWANIKI Serevelien na NYIRANTAMBARA Veneranda, wavutse mu 1992, utuye mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Musovu, Umurenge wa Juru, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, muri Repuburika y'u Rwanda, Umunyarwanda, ubu akaba akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

***Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 y'itegeko N0 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,***

Dutegetse ko **NGIRUWONSANGA Innocent** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 05/07/2023 saa tatu za mugitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari.

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo, ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ku biro by'inkiko zisumbuye zose, mu gihe kingana n'iminsi umunani

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru cya Leta

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho

**NUKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU**

**TUYIZERE Milliere**

**Umucamanza**

**UWINGABIRE Marie Claire**

**Umwanditsi**